# APPENDICES

# APPENDIX 1

## Bakame n'inzovu n'ingwe n'intare n'impyisi n'inka n'ibivumvuli

## (Hare, Elephant, Leopard, Lion, Hyena, Cow and Beetles)

Bakame yacuditse n'inzovu, biza guturana no mu nzu imwe; nuko byigira inama yo gukoma impuzu zo kugura ibizitunga, bikoma impuzu; Bakame izayo ikazimesa zikaba nziza; inzovu ikayoberwa kuzinoza.

Bukeye birazinduka bijya kuzibunza, biragenda bigera ku rugo, bibaza nyir'urugo biti: 'Nta nka mufite ku mpuzu zo kwambara?' Nyir'urugo ati: 'Ese ko ezo mpu zanyu ari mbi!' Ati: 'Cyakora ndapfa kugura iza Bakame.' Aha Bakame inyana nziza, inzovu ayiha akamasa katagira uburyo, biragenda.

Bigeze mu nzira bihura n'abagabo barabibaza bati: 'iyi nka nziza ni iyande?' Bakame iti: 'Ni iyanjye; naho aka kamasa ni aka Nzovu.' Nuko abagabo bagaseka nzovu cyane, bati: 'Uburebure n'ubunini si bwo bwenge.'

Bakame na Nzovu biragenda, bihura n'abandi bagaboo, na bo babibaza kwa kundi, na none baseka Nzovu, ndetse bashaka no kuyikubita.

Noneho inzovu ibwira Bakame iti : 'Niduhura n'abandi bantu uvuge ko inyana ari iyanjye , dore igihe bansekeye, bagashaka no kunkubita; uvuge ko imbi ari iyawe, wowe baguseke nta cyo bitwaye'. Bakame yikiriza itikirije.

Biragenda, bigeze ku hirya bihura n'abandi babibaza nk'aba mbere; noneho na Bakame ibasubiza kwa kundi, Nzovu irarakara, ibwira Bakame iti 'Twabanye kera, none urampemukiye, ubu turatandukanye ngaho genda ukwawe, nanjye ndagenda ukwanjye.'Bakame na Nzovu bitandukana bityo.

Bakame iba aho, biratinda inka yayo irapfa, ijya gushaka uwayibaga, iragenda ihura n'ingwe. Bakame iti: 'Ngwe we, ngize Imana nkubonera hafi, umwami arantumye ngo ejo kare uzaze kumwitaba akubwire iby'inka ye, kandi umwami ari iwanjye.'

Ikomeza urugendo ihura n'intare, irayibwira iti: 'Ngize Imana nkubonera hafi, umwami yantumye ngo uzaze kumwitaba, ngo hari icyo azakubwira cy'inka ye, kandi ari iwanjye.'

Iragenda ihura n'impyisi na yo iyibwira ityo. Bakame itaha iwayo.

Bakame n'ibivumvuri

Buracya ibisimba uko ari bitatu biraza no kwa Bakame. Bakame yari yatoraguye ibivumvuri yuzuza igicuma. Ibisimba bimaze kugera aho, Bakame icunshumura ibivumvuli, bigenda bivumera ngo: 'vu vuuuu vuuuu!' Ibisimba bigira ngo ni umwami uvugana na Bakame.

Nuko Bakame irasohoka ibwira impyisi iti: 'Mpyisi we, jyana iyi nka uyibage, ariko ntutamireho n'intongo n'imwe!'

Bakame ibwira Ntare iti: ‘Wowe ujye kwasa ruriya rutare, ariko nubona intorezo igoramye ntiwiririrwe uza!’

Bakame ibwira Rugwe iti: ‘Wowe genda ujye guca amakoma, ariko ntuzane iritobotse na rimwe.’

Nuko intare iragenda ikubita urutare intorezo, intorezo irihina iba nk’ubuhiri; iyita aho irigendera. Ingwe ijya guca amakoma, yakora ku ikoma rigatanyuka, amakoma yo mu rutoke yose iyatema atanyagurika; ingwe irahunga irigendera. Nuko impyisi ibaga inka ariko ikebaguza, ireba niba hari abayireba, ibona ntawe uyirora, ifata inyama imwe irayitamira, ubwo Bakame iba yayibonye, iti: ‘Nakubonye Rupyisi we!... Impyisi ubwoba burayitaha, iriruka irahunga.

Nuko Bakame yirira inyama yonyine.

Sijye wahera hahera umugani.

# APPENDIX 2

## Bakame n'impyisi
## (Hare and Hyena)

Impyisi yashakaga umugabo mwiza. Umunsi umwe, impyisi irakugendera, ibwira zene wabo, mbese abavandimwe babo babanaga ari ukuvuga utundi tunyamaswa dusanzwe, noneho iratubwira iti: 'ndashaka nanjye gusabwa. Ariko muzanshakira nyine umusore uzansaba. Nuko izi nyamaswa zirareba zibura rwose umusore bazasabira iyo mpyisi. Umunsi umwe Bakame iraza, ibwira impyisi iti: 'nakuboneye umusore mwiza cyane, ndetse ni umwami, ategeka ibihugu byinshi cyane. Impyisi ati: 'kagire inkuru Bakame. Iti: 'ese wazamungezaho ute?'Undi ati: 'ngwino uzankurikire gusa, nzakugeza aho ushaka, aho nyine uwo mwami ku uwo ushaka, ku mugabo wawe.

Nuko impyisi na Bakame bifata inzira, bifata amafunguro biragenda. Biragenda birashyira bigera kwa Nyagasani, ku mwami, uwo nyine washakaga gusaba impyisi. Ariko ubwo Bakame ikaba yari yashatse gufinda impyisi amarenga. Mu nzira ikaba yarayibwiye ati: 'nitugerayo, kuko wowe uri umugeni, uzagere nyine, ukore iby'abageni, uzicishe bugufi, kandi uzagire isoni, nk'iz'abageni kugira ngo umwami nagushaka, nashaka kukurongora, azamenye nyine ko uri umukobwa mwiza. Nuko Bakame iti: 'kandi umenye ko ubu ngubu wowe uri umukwe. Kuko nyine ugiye kurongorwa, naho njyewe ndi umushyitsi.' Nuko ni bwo bikomeje, bigerayo, bigeze yo Bakame iti: 'mwiriwe ho, undi ati: 'nn.' Noneho ubwo Bakame yasaga nijya gufunguza. Bigera aho, noneho bati: 'nihinjire abatugendereye.' Bakame n'impyisi birinjira. Noneho umwami yitambukira, yakwitambukira akabona iyo mpyisi, ariko impyisi yabona umwami ayirebye, ikagira iti: 'ni uriya usansaba', iti: 'ni uriya ushaka kuzansaba, ushaka kuzantwara, ushaka kundeshya.' Noneho Bakame iti: 'koko.' Yabona umwami amaze kugenda, iti: 'nguriya rero, nguriya umugabo wawe, nguriya ushaka kukureshya, nuko nuzajya ukomeza kumubona noneho uze wubika amaso.'

Noneho umwami abibonye gutyo, yohereza abantu b'abakozi be, abanyenzu. Bakaza ati: 'nimushyira bariya bashyitsi bari hariya, mubafundurire.' Noneho abaja rero baza bati: ngayo amafunguro y'abashyitsi, ni ko batubwiye.' Noneho Bakame iti njyewe rero kuko ndi umushyitsi ndarya ibyo bampaye, ndafungura ibyo bampaye, naho wowe ni ukuvuga ko bagutegerereje ibindi, uraza gusangira n'umugabo wawe, jyewe yenda maze kwigendera.' Nuko Bakame ikarya, naho ubwo impyisi igakomeza kugira isoni, kuko nyine yari yavuze ko ari umukwe, ariko bavuga ko ari iby'abashyitsi, ati: 'buriya ntabwo ari ibyanjye.'

Nuko ni bwo bishyize kera, bati: 'ngaho amazi mukarabe, mwoge bashyitsi.' Noneho Bakame aba ari yo yoga, kuko bari bavuze ko amazi ari ay'abashyitsi, impyisi ikomeza kuguma aho ngaho. Hanyuma Bakame imaze koga, abandi baraza bati: 'noneho bashyitsi, enda nimwongere mufungure, noneho mujye kuryama. Ati: ngiki ikiryamo cy'abashyitsi.' Naho ubwo impyisi yicaye aho ngaho, Bakame bayiteguriye nyine ikiryamo cyiza, ariko kuko bari bavuze ko ari icy'abashyitsi, Bakame iti: 'ni icyanjye nyine, wowe buriya baraza kugushakira ahantu heza uze kuryama, mbese uraza kuryamana n'umugabo wawe.' Impyisi ikomeza kwicara aho ngaho. Bya biryo bari bayihaye, ikomeza kurya, noneho iriryamira. Baha nyine Bakame ibyo irya, ikajya inyangamuza cyane, noneho impyisi nayo ikumva ishaka gukoraho. Ariko kuko nyine yasinziraga, ibiryo byayo biteretse aho, ishaka inyenyeri izishyira ku maso, kugira ngo impyisi nizajya ishaka kuryaho, ijye igira ngo

Bakame ni maso. Nuko impyisi ibonye igiye kwicwa n'inzara, igihe igiye gukora ku biryo, ikabona Bakame ibona. Iti nta bwo, kuko ndi umukwe, aha ngaha bavuga ko nta kinyabupfura mpagiriye.

Nuko noneho buracya, bukeye, ariko ubwo ngubwo impyisi ntabwo yashoboraga kugenda kubera ko byari bigeze kuri, yari imaze iminsi itarya. Nuko ni bwo bagize bati turasezerera abaje kutugenderera, abaje mbese kuturarira, abo twacumbikiye. Babaha amafunguro, bari ngaya amafunguro y'abashyitsi. Bakame na none irongera iririra ntiyahaho impyisi. Ni bwo bagize bati turaherekeza abaje kutugenderera, noneho biragenda, impyisi nayo ifata inzira, ijyana na Bakame. Noneho ni bwo bagize bati: 'ngiyi inka rero, mwebwe mwaje kutugenderera. Inka barayishorera, ni ukuvuga Bakame n'impyisi.

Biragenda, bigeze kure y'aho ngaho nyine byari biri, kure y'ibwami, impyisi ibwira Bakame iti: 'umva, icyakora biriya wangiriye ntabwo mbibonye.' Undi ati: 'nanjye nahoze ngira ngo umwami azakwemera, none ngo wahagiriye ikinyabupfura gike, ni cyo cyatumye atagukunda'. Mpyisi ati: 'shyuu, ati iyo nkiza kubimenya. Ati ese ubu ntawasubirayo undi tna wasubirayo. Iti icyakora iyi nka nyine nuko tuzayifata. Impyisi ni yo igira imbaraga kurusha Bakame. Iti ndakwica, nkwice noneho nitwarire nanjye iyi nka kubera ko wowe wampenze ubwenge. Bakame iti ngaho duhamagare, nibatubwira ko iyi nka itari iyacu twese, ndakwemerera, iyi nka uzayirye wenyine. Ni uko ni bwo Bakame ihamagaye, ihamagaye imisozi iritaba. Imisozi ihoreranye ikajya ivuga ngo yee ngo yee. Bakame ikavuga iti ese iyi nka si iyacu twembi? Imisozi iti yee. Undi ati ntabwo wumva se, Mpyisi ntiwumva ko bavuze ngo iyi nka ni iyacu? Ni uko ni bwo inka imenye nyine ko ari iyayo, ariko Bakame kuko itashakaga guha ho iyo mpyisi, iraaza iti ngaho noneho uze uyiragira, numara kuyiragira, nanjye nzaragira rimwe. Iti ariko ibyiza ni uko ari jye wajya kuragira, wowe ukajya uhinga kuko ufite imbaraga ukajya uhinga uburo kugira ngo iyo nka tuzayirye. Ni uko tuzayirishe nyine umutsima, umutsima w'uburo. Ni bwo ntuza nyine abyemeye, ariko Bakame ikaba yari ifite nyina. Naho nyina w'impyisi yari yarapfuye.

Bakame ijya kubaza nyina, uko bizagenda kugira ngo izarye iyo nka yonyine. Nyina irayibwir iti: 'uzakore utya... ', iyibwira amayeri, iyibwira uburyo izagira uburo, ikabuseha, ikabukura mu kigega, noneho igasiga mo imishishi, ikaza iyizanira, noneho iyibwira n'uko izica inka, hanyuma igahisha amahembe mu gishanga, impyis yaza, yayakurura mo, ikavuga ngo ni yo itumye irigita, kubera ko ifite imbaraga nyinshi. Bakame ibibonye ityo, igenza nk'uko nyine nyina yari yayibwiye, iragenda ifata amasaka, nako uburo, ibukura mu kigega, isigamo imishishi. Ikajya irunda mu rutare nyina yari arimo. Noneho ku nka na none, ibonye gutyo ko yagiye kuragira, irayica, iyishe, ikuraho umutwe, iwusiga aho, inyama izijyana aho nyina yari ari.

Igihe cy'umunsi mukuru kigeze, Bakame ibwira impyisi iti, dore, nari naragiye hariya none, inka yacu yasaye. Iti wowe noneho ufite imbaraga, uzagende uyisayure. Ariko ubwo Bakame yari imaze kubona imaze kubaga inka, ishyira amahembe mu gishanga. Wabona ayo mahembe ari mu gishanga ukagira uti ni inka koko yazayiyemo. Impyisi iraza, igihe itarakora ku mahembe, Bakame irayibwira iti umva ufire imbaraga nyinshi, ariko uramenye ntukurure cyane, kuko nukurura cyane uraza kubura byose, hanyuma usigarane amahembe gusa. Noneho uze gukurura buhoro. Impyisi iti ndakurura buhoro da! Jyewe impyisi nayishobora? Ntabwo nshobora gushobora inka. Ni bwo ikuruye, ikuruye ibona amahembe ayisigaye mu ntoki. Bakame iti yampaye inka! Iti sinakubwiye ko nukurura cyane amahembe aza gucika, hanyuma inka igasaya? Iti nyihera rero ayo mahembe. Impyisi iyiha ya mahembe yari ifashe mu ntoki, iyaha Bakame, ibibonye ityo iti ngaho rero

wowe sigara wimba igice gisigaye, njyewe nditwarira aya mahembe, nawe usigare ushaka icyo gice data kinini gisigaye, jyewe ndigendeye kuko ndi umunyambaraga nke.

Impyisi ijyaho iracukuraaaa, iracukuye iracukuye iracukuye, ishaka nyine ngo iyo nka yasaye, hanyuma noneho iza kuza kugira icyobo kinini, icyobo kinini kiza kuyitengukiraho, kimaze kuyitengukiraho, Bakame ije, irareba isanga igitengu cyatengukiye ku mpyisi, undi ati ngiye kuzarya inka yanjye uko nshaka, hanyuma ndye n'uburo, kandi uburo bwahinzwe n'iyo mpyisi, hanyuma ndi umugabo koko. Nuko Bakame ikira, ikijijwe n'ubwo bwenge bwayo.

# APPENDIX 3

## Nyirabazana
## (Nyirabazana)

Umwami yaragiye agenda ahiga bamuhetse ari kumwe n'abahigi be noneho rero ku rugo ahasanga umukobwa ati mukobwa mpa amazi yo kunywa. Ni aho ubwo ni uko amwishimiye.

Bukeye aragaruka abwira se ati 'mugabo mpa uriya mukobwa wawe'. Se ati 'umukobwa wanjye ntarakura.' Bukeye umwami akajya aho akinuba ati 'yuu! Ubonye kanaka uriya ngo anyime umukobwa we, kandi numva ntifuza kumukura ku musozi wanjye, mu gihugu cyanjye!

Bukeye umwami aragenda ati 'rwose mpa uriya mukobwa wawe nzirerera. Noneho umukobwa na we ati 'rwose nanjye sindakura.' Umwami arataha, akagenda agahiga agataha. Noneho inyamanza iraza yumva araganya agira ati 'umukobwa wa kanaka numva yarantwaye uruhu n'uruhande, numva ntazamuhara.' Inyamanza iti 'ese ko ngwa ku rugo rwawe nkumva uraganya nagwa ku nzu yaze nkumva uraganya, ikikuganyisha ni iki?' Umwami ati 'urakimbariza se iki, urakimbaza ko ukinkorere?' Inyamanza iti 'nyamara yenda aho nakigukorera.' Noneho umwami ati 'ahaaa! Ukinkorera? Nanjye byarananiye ndi nyr'u Rwanda, none ni wowe wabishobora?' Ya nyoni iti 'nyamara nabishobora.' Umwami ati 'umva nagiye kwa kanaka kwaka umukobwa, aramunyima. Kandi uwo mukobwa numva ambabaje.' Inyamanza iti 'nimuzana uzampa iki?' Umwami ati 'nzakugororera, tuzagabana igihugu cyanjye.'

Inyamanza iragenda no ku rugo rwa wa mugabo, isanga wa mukobwa arakubura. Abandi bakobwa baraza bati 'ngwino tujye kuvoma.' Ati 'nimundine tujyane.' Baramufasha baramukubuza, baragenda baramanuka no ku iriba baravoma, bamaze kuvoma biyambura impu bariyuhagira. Bariyuhagira barijogonyora, hanyuma barakuka baricara baragandagaza. Noneho umwe abatura uru rwe, undi urwe yambara. Na we ajya kubatura urwe, inyamanza iti 'narufashe.' Uruhu irarugurukana. Noneho umukobwa agenda yambaye ukuri (ubusa bwambara abatindi). Baragenda ageze imbere ati

> ' Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye
> Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati

> ' Ngwino tugende nguhe inkima yawe,
> Tugere ku kibumbiro nguhe inkima yawe,
> By'inka z'umwami nguhe inkima yawe,
> Ngwino tugende nguhe inkima yawe,
> Tugere ikambere nguhe inkima yawe,
> Tugere i Kagondo nguhe inkima yawe,
> Tugere ku gitabo nguhe inkima yawe,
> Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe,
> Y'urugambiriro ndaguha inkima yawe.'

Inyamanza ikagenda ikinaganika ku gati, uruhu igasa nk'irufasha hasi. Undi agasuma kurutora, inyamanza ikaba yarujase ikigendera. Baragenda bagera aho urutoki ruri,

umukobwa aca uturere aratwambara baragenda, baragenda. Naho bagenzi be basigaye ku iriba bacerewe bagira ngo aragaruka, bajye kubona babona araminutse umusozi. Baratereye akabindi ke bagasiga ku iriba.

Noneho baragenda n'iwabo bati 'agakoko katwaye uruhu rwa Nyirabarazana.' Noneho rero nyina aba ari we afite ari umwe, ariko akaba mwiza koko. Noneho nyina ati 'yeeee! Agakoko kamutwariye uruhu?' Bati 'iii.' Ubwo arahaguruka ntiyajya no mu iyambara. Abakobwa bati 'dore bakurikiye iriya nzira, baminutse hariya.' Abakobwa basubira mu kabande bazana akabindi ke, bagashyira kwa nyina. Nyina na we aragenda aramukurikira agira ati:

'enda Nyirabazana, enda garukira aho
Enda Nyirabazana, enda garukira aho,
Ngwino mwana wanjye, enda garukira aho,
Nzakugurira iyindi, enda garukira aho.'

Umukobwa ati

'Erega shenge wanjye ukunda guhamagara,
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye,
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati

'Ngwino tugende nguhe inkima yawe,
Tugere ku bibumbiro nguhe inkima yawe,
Tugere mu nama nguhe inkima yawe,
Y'inka z'umwami nguhe inkima yawe,
Tugere ku gicaniro nguhe inkima yawe,
Cy'inka z'umwami nguhe inkima yawe,
Tugere mu bikari nguhe inkima yawe,
Tugere ikambere nguhe inkima yawe,
Tugere n' i Kagondo nguhe inkima yawe.'

Baragenda rero, baragenda, baragenda bagera ku bibumbiro basanga abagaragu b'umwami bashoye inka, wa mukobwa yambaye uturere, akanyamanza kagwa aho bariho buhira, noneho babona umukobwa ararabutse asa n'ikizubazuba, bati 'ye ye ye!' Wa mukobwa koko ya nyamanza iramuzanye!' Ubwo yambaye ibirere ati

'kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye
kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati

Ngwino tugende nguhe inkima yawe
Tugere ivugavuga nguhe inkima yawe
Tugere mu nama nguhe inkima yawe
Y'inka z'umwami nguhe inkima yawe
Tugere mu muharuro nguhe inkima yawe
Tugere ku gicaniro nguhe inkima yawe
Cy'inka z'umwami nguhe inkima yawe
Tugere n'ikambere nguhe inkima yawe
Tugere n' i Kagondo nguhe inkima yawe
Tugere i Vugavuga nguhe inkima yawe
Iy'ingoma zivuga ndaguha inkima yawe

Tugere ku gitabo nguhe inkima yawe
Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe
Y'urugambiriro ndaguha inkima yawe.'

Baragenda bageze mu nama, inyamanza irurambika hasi, umukobwa asuma kurutora, nyina na we ati

'Enda Nyirabazana, enda garukira aho
Enda Nyirabazana garukira aho.'

Akanyamanza kati

Ngwino tugende nguhe inkima yawe
Tugere ku gicaniro nguhe inkima yawe
Tugere n' ikambere nguhe inkima yawe
Tugere n'i Kagondo nguhe inkima yawe
Tugere i Vugavuga nguhe inkima yawe
Iy'ingoma zivuga nguhe inkima yawe
Tugere ku gitabo nguhe inkima yawe
Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe
Y' urugambiriro nguhe inkima yawe.'

Bavuye mu nama no mu muharuro, inyamanza irurambika aho. Umukobwa arunama kurutora inyamanza iba yarujase, nyina na we aramwiruka inyuma ati

'Enda ga mwana wanjye, enda garukira aho
Nzakugurira iyindi, enda garukira aho
Ngwino mwana wanjye, enda garukira aho.'

Umukobwa ati

'Aho shenge wanjye sinahara inkima yanjye
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati

'Ngwino tugende nguhe inkima yawe
Tugere ku gicaniro nguhe inkima yawe
Tugere ivugavuga nguhe inkima yawe
Iyo ingoma zivuga ndaguha inkima yawe
Tugere ku gitabo ndaguha inkima yawe
Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe
Y' urugambiriro ndaguha inkima yawe.'

Baragiye bageze ku gicaniro, inyamanza irurambika ku gicaniro, umukobwa arasuma kurufata, iba yarufashe. Umwami aba yahageze ariho aramureba, aramurebera mu nsika koko yumva aranezerewe. Ingoma zirasukiranya ziravuga, ziravuga. Nyina na we ati

'Enda Nyirabazana, enda garukira aho
Ngwino mwana wanjye, enda garukira aho
Nzakugurira iyindi, enda garukira aho.'

Umukobwa ati

'Aho ga shenge wanjye ukunda guhamagara
Aho ga shenge we sinahara inkima yanjye
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye

Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati
'Ngwino tugende nguhe inkima yawe
Tugere mu bikari nguhe inkima yawe
Tugere ivugavuga nguhe inkima yawe
Iy'ingoma zivuga nguhe inkima yawe
Tugere no ku gitabo nguhe inkima yawe
Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe
Y'urugambiriro nguhe inkima yawe.'

Imbwa zirashiguka, zirashiguka barazifata zari ku mirunga hafi kuyica. Umwami abwira abagaragu ati 'nimufate izo mbwa vuba.' Nuko rero baragiye no mu bikari, bageze ivugavuga iyo ingoma zivuga, bageze ikambere, bageze ku gitabo, nyina ati
'Enda Nyirabazana, enda garukira aho
Ngwino mwana wanjye, enda garukira aho
Nzakugurira iyindi, enda garukira aho.'

Umukobwa ati
'Aho ga shenge wanjye ukunda guhamagara
Aho ga shenge we sinahara inkima yanjye
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye
Kanyamanza k'ibwami mpa inkima yanjye.'

Akanyamanza kati
'Ngwino tugende nguhe inkima yawe
Tugere ku nkingi nguhe inkima yawe
Tugere mu kirambi ndnguha inkima yawe
Tugere ku nkingi ndaguha inkima yawe
Y'urugambiriro ndaguha inkima yawe.'

Baragiye no mu kirambi yongera kwaka akanyamanza inkima ye na ko kamusubiza. Nyina na we ati 'enda ga Nyirabazana, enda garukira aho.' Ubwo na we ageze ku muryango kuri cya gitabo ararira reka byacitse. Nyina ati
'Enda ga mwana wanjye, enda garukira aho
Ngwino Nyirabazana, enda garukira aho
Nzakugurira iyindi, enda garukira aho.'

Umukobwa ati
'Aho ga shenge wanjye ukunda guhamagara
Aho ga shenge wanjye ukunda guhamagara.'

Baragenda rero no ku nkingi y'urugambiriro, umwami aba yamufashe, amufata ubwo na we araturika ararira, nyina na we uko yagahagaze mu muryango atinya kuza imbere, arahagaze mu mbona byombi. Umwana ararira, na nyina ararira. Ya nyamanza iti 'humura ndaguha umwana wawe.' Noneho umwami rero aramurongora, anamuhaye imyambaro myiza, amwambitse inkindi z'abakera z'abami, noneho inyamanza iraza ibwira nyina iti 'dore uruhu rw'umwana wawe ndarufite, inkima y'umwana wawe ndayifite ndayiguha.'

Umukobwa ararongorwa, amaze kurongorwa, igihe cya nimugoroba abwira umuja we w'icyegera nyir'urugo w'umuja ati 'urebe amata uvuruge, urebe inzoga nziza ushyire mu gicuma cyiza, maze muhe umukecuru intebe yicareho, mumuhe amata, mumujyane muri Kagondo yicareho umwicare iruhande muganire.'

Bagize batyo, ibyo bamuhaye ari inzoga agatereka, bamuha umutsima agatereka bavuruga amata agaterekam bazana inzoga y'inkangaza bamuha agatereka, bazana inzoga y'ubuki gusa aratereka. Arara aho atariye, nta cyo anyoye, nta cyo yariye. Umukobwa arongorwa atyo buracya rero wa muja araza ati 'umubyeyi nta cyo yariye nta cyo yanyoye, ibyo najyanye byose birateretse, nta cyo yariye yifashije umukanda.'

Umwami ati 'murumva, ndinde gupfusha umubyeyi?' Aragenda ati 'mumushyire amazi mumwuhagire, dore n'imyambaro mumwambike, mwakire n'amakamba mumwambike.' Umuja wundi naze yuhagire uyu, mumusige asange nyina nanjye nze. Asange umubyeyi abashe kurya, ubwo aragira ngo yapfuye ntariho.'

Umugeni aruhagiwe, umukwe aruhagiwe. Baragiye barebye intebe, nyirabukwe na we aruhagiwe arasizwe. Ubwo bya bindi byose birateretswe bashatse ibindi bishyashya. Noneho umugeni abakobwa baramushagaye, abaja baramushagaye, abagaragu na bo bashagaye umukwe, baragiye bararakukanije ati ' dore umukobwa wawe nta cyo yabaye.' Inyamanza iti ' dore n'inkima ye ngiyi nta cyo yabaye na yo uyikomeze.' Iyirambitse ku bibero bya nyina. Noneho rero umukobwa yicaye iruhande rwa nyina, umukwe arisohokera. Umukobwa na nyina barariye, arishije nyina bararya na wa muja. Barangije kurya, umukobwa na none baramushagaye asanze umugabo we, abandi basigaranye na nyina.

Ubwo nyina amaze ukwezi aho, aribaza ati 'ubu ab'iwanjye baribaza niba narapfanye n'umwana.' Igihe rero umukobwa amaze kumenyera, umwami arebye ishyo ry'inka, ahaye nyirabukwe, arebye abagaragu ahaye nyirabukwe, arebye abaja ahaye nyirabukwe, barebye ingobyi bahetse nyirabukwe, noneho aratashye, agiye iy'umugabo we. Inka zigenda zabagirana n'inyana zazo n'ibisabo.

Bukeye na none bimaze iminsi, umukobwa ajyana n'umukwe we kugera mu rugo bajyana irindi shyo ry'inkwano nuko baratāha.

Inyamanza na yo iragororerwa. Ni cyo gituma ubona ijya mu mamera ntibayakure, burya ngo ntiyona! N'iyo yona burya iravuga ngo 'nta kataribwa akambonwa ni ko kabi.'

Si jye wahera hahera umugani.